*In the pursuit of excellence...*

# Caledonia Community Schools

Administrative Offices: 8948 Kraft Ave., Caledonia, MI 49316
Telefone (616) 891-8185 - Faxgisi (616) 891-9253 - www.calschools.org

21 Kanama 2023

Ku miryango irerera muri Caledonia Community Schools,

Kubera inkunga yatanzwe na leta hamwe na guverinoma, CCS yakoranye na BookNook mu rwego rwo gutanga uburyo bwo kwigisha gusoma no kwandika umuntu umwe ku wundi hifashishijwe iyakure ku banyeshuri bacu bujuje ibisabwa. **Aya mahirwe ni ubuntu.** BookNook itanga amasomo yo ku rwego rwo hejuru biciye muri porogaramu ifite intego igamije, igizwe n'ibice bitandukanye bigamije kwihutisha imyigire y'umunyeshuri. Amasomo yo ku rwego rwo hejuru ajyanye no kwita ku bumenyi bwo kwiga bwa ngombwa mu gutera imbere no kuzamura ubumenyi bukagera ku ntambwe zikurikira zo kwiga ziba zagaragajwe kuri buri rwego rw'umwaka.

Kwigisha bizaba kabiri kugeza kuri gatatu mu cyumweru mu gihe cy'ibyumweru umunani cyangwa bitandatu ( igiteranyo cy'amasomo 16). Buri somo rimara iminota 30. Hari amatsinda atanu mu mwaka w’amashuri, n’itsinda ryo mpeshyi ya 2024 wahitamo. Abanyeshuri bashobora kwitabira itsinda iryo ari ryo ryose cyangwa yose. Itsinda rya mbere rizatangira ku wa 26 Nzeli 2023. ***Kwigisha bizabera mu rugo hakoreshejwe uburyo bw'iyakure!*** Abanyeshuri bazemererwa gukoresha ibikoresho by'ishuri kugira ngo babashe kwiga amasomo nibiba ngombwa.

Abarimu batojwe neza kandi ntibatezuka mu gihe cy'ibyumweru 8. Abarimu bose bafite byibura umwaka 1 w'uburambe bwo kwigisha, bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza, amateka y'imyitwarire yabo yagenzuwe muri leta 50, kandi baba baragaragaje ubushobozi bwo kwigisha no gukoranira n'abanyeshuri kuri interineti. BookNook ikoresha ibyifashishwa mu kwigisha bifite ireme ryo ku rwego rwo hejuru bihuzwa n'ibipimo ngenderwaho kandi bishingiye ku bushakashatsi. Iterambere ry'abanyeshuri rirakurikiranwa kugira ngo amasomo ajyanishwe n'ibyo umunyeshuri akeneye.

Tunejejwe no kubagezaho ubu butumire wowe n'umwana/abana bawe. Amasomo azatangwa guhera mu cyumweru cya 25 Nzeli 2023. Imiryango izashobora guhitamo iminsi n'igihe binogeye umunyeshyru/abanyeshuri babo. Baza ibibazo ibyo ari byo byose umuyobozi w'ishuri umwana wawe yigaho.

Kugira ngo wandikishe umwana wawe, kurikira ihuza riri munsi.
***Itariki y'ibanze ntarengwa yo kwiyandikisha ni 26 Kamena!***

**IHUZA RYO KWIYANDIKISHA**

**INAMA NKURU Y'UBUREZI ~ BRITTANY BARBER GARCIA ~ JOHN BRANDOW ~
KATIE ISIC ~ TIM MORRIS ~ JENNIFER NICHOLS ~ JASON SAIDOO ~ MARCY WHITE**